



Umwaka wa 62
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
Quater yo ku wa 31/03/2023

Year 62
Official Gazette n° Special
Quater of 31/03/2023

62^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial
Quater du 31/03/2023

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

Itegeko/ Law/ Loi

Itegeko n° 021/2023 ryo ku wa 31/03/2023 rigenga ihanahana ry'amakuru mu buryo bwikoresha ku mpamvu z'imisoro2

Law n° 021/2023 of 31/03/2023 governing the automatic exchange of information for tax purposes2

Loi n° 021/2023 du 31/03/2023 régissant l'échange automatique de renseignements à des fins fiscales.....2

ITEGEKO N° 021/2023 RYO KU WA 31/03/2023 RIGENGA IHANAHANA RY'AMAKURU MU BURYO BWIKOresha KU MPAMVU Z'IMISORO <u>ISHAKIRO</u> <u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE <u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije <u>Ingingo ya 2:</u> Isobanura <u>Ingingo ya 3:</u> Umuyobozi ufite ububasha bwo gushyira mu bikorwa Ihame Rusange ry'imitangire y'amakuru <u>UMUTWE WA II:</u> INSHINGANO Z'IBIGO BY'IMARI BITANGA AMAKURU <u>Ingingo ya 4:</u> Kumenya konti zitangwaho amakuru no gutanga raporo ku makuru yasabwe	LAW N° 021/2023 OF 31/03/2023 GOVERNING THE AUTOMATIC EXCHANGE OF INFORMATION FOR TAX PURPOSES <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS <u>Article One:</u> Purpose of this Law <u>Article 2:</u> Interpretation <u>Article 3:</u> Competent authority for implementing the Common Reporting Standard <u>CHAPTER II:</u> OBLIGATIONS OF REPORTING FINANCIAL INSTITUTIONS <u>Article 4:</u> Identification of reportable accounts and disposition of an information return	LOI N° 021/2023 DU 31/03/2023 RÉGISSANT L'ÉCHANGE AUTOMATIQUE DE RENSEIGNEMENTS À DES FINS FISCALES <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>CHAPITRE PREMIER:</u> DISPOSITIONS GÉNÉRALES <u>Article premier :</u> Objet de la présente loi <u>Article 2 :</u> Interprétation <u>Article 3 :</u> Autorité compétente chargée de la mise en œuvre de la Norme commune de déclaration <u>CHAPITRE II :</u> OBLIGATIONS DES INSTITUTIONS FINANCIÈRES DÉCLARANTES <u>Article 4 :</u> Identification de comptes déclarables et disposition d'une déclaration de renseignements
---	--	---

<u>Ingingo ya 5:</u> Uburyo bwo kugenzura amakuru mu bushishozi	<u>Article 5:</u> Due diligence procedures	<u>Article 5 :</u> Procédures de diligence raisonnable
<u>Ingingo ya 6:</u> Kubika amakuru	<u>Article 6:</u> Records keeping	<u>Article 6 :</u> Tenue de registres
<u>Ingingo ya 7:</u> Kwitabaza undi muntu utanga serivisi	<u>Article 7:</u> Use of third-party service provider	<u>Article 7 :</u> Recours à un prestataire de services tiers
<u>UMUTWE WA III:</u> UBUBASHA N'INSHINGANO BY'UBUYOBOZI BW'IMISORO	<u>CHAPTER III:</u> POWERS AND RESPONSIBILITIES OF THE TAX ADMINISTRATION	<u>CHAPITRE III :</u> POUVOIRS ET ATTRIBUTIONS DE L'ADMINISTRATION FISCALE
<u>Ingingo ya 8:</u> Ububasha bwo kugenzura no gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 8:</u> Inspection and administrative sanctioning powers	<u>Article 8 :</u> Pouvoirs d'inspection et d'imposition de sanctions administratives
<u>Ingingo ya 9:</u> Imikoranire n'Ubuyobozi bw'imisoro bwo mu bindi bihugu ijyanye n'ihanahana ry'amakuru mu buryo bwikoresha	<u>Article 9:</u> Cooperation with Tax Administrations in other countries with respect to automatic exchange of information	<u>Article 9 :</u> Coopération avec les administrations fiscales d'autres pays en matière d'échange automatique de renseignements
<u>Ingingo ya 10:</u> Inshingano z'Ubuyobozi bw'Imisoro	<u>Article 10:</u> Responsibilities of the Tax Administration	<u>Article 10 :</u> Attributions de l'Administration fiscale
<u>UMUTWE WA IV:</u> AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO	<u>CHAPTER IV:</u> FAULTS, OFFENCES AND PENALTIES	<u>CHAPITRE IV :</u> FAUTES, INFRACTIONS ET PEINES
<u>Ingingo ya 11:</u> Gutanga amakuru atari ukuri, amakuru atuzuye no kudatanga	<u>Article 11:</u> Provision of false information, incomplete information	<u>Article 11 :</u> Communication de faux renseignements, de renseignements

amakuru asabwa	and failure to provide required information	incomplets et défaut de fournir des renseignements requis
<u>Ingingo ya 12:</u> Gusonerwa ibihano	<u>Article 12:</u> Exemption from sanctions	<u>Article 12 :</u> Exemption de sanctions
<u>Ingingo ya 13:</u> Igihe ntarengwa cy'isuzuma ry'ibihano n'imenyekanisha	<u>Article 13:</u> Deadline for assessment and notification of sanctions	<u>Article 13 :</u> Délai d'évaluation et de notification de sanctions
<u>Ingingo ya 14:</u> Uburenganzira bwo kujurira	<u>Article 14:</u> Right to appeal	<u>Article 14 :</u> Droit de recours
<u>Ingingo ya 15:</u> Uburyo bwo kujurira	<u>Article 15:</u> Appeal procedure	<u>Article 15 :</u> Procédure de recours
<u>Ingingo ya 16:</u> Igihe ntarengwa cyo kurangiza igihano cyatanzwe	<u>Article 16:</u> Deadlines for enforcement of sanction imposed	<u>Article 16 :</u> Délai d'application d'une sanction imposée
<u>Ingingo ya 17:</u> Gutangaza amakuru mu buryo bunyuranyije n'amategeko	<u>Article 17:</u> Unlawful disclosure of information	<u>Article 17 :</u> Communication illicite de renseignements
<u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZINYURANYE	<u>CHAPTER V:</u> MISCELLANEOUS PROVISIONS	<u>CHAPITRE V :</u> DISPOSITIONS DIVERSES
<u>Ingingo ya 18:</u> Kugira ibanga	<u>Article 18:</u> Confidentiality	<u>Article 18 :</u> Confidentialité
<u>Ingingo ya 19:</u> Ibikurikizwa mu kurwanya ukutubahiriza inshingano	<u>Article 19:</u> Anti-avoidance rules	<u>Article 19 :</u> Règles anti-évasion
<u>Ingingo ya 20:</u> Imirongo ngenderwaho mu ishyirwa mu bikorwa ry'Ihame	<u>Article 20:</u> Guidelines for the implementation of the Common	<u>Article 20 :</u> Lignes directrices sur la mise en œuvre de la Norme commune de

Rusange ry'Imitangire y'amakuru	Reporting Standard	déclaration
<u>Ingingo ya 21</u> : Ihame rigenga ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko	<u>Article 21</u> : Enforcement principle of this Law	<u>Article 21</u> : Principe d'application de la présente Loi
<u>UMUTWE WA VI</u> : INGINGO ZISOZA	<u>CHAPTER VI</u> : FINAL PROVISIONS	<u>CHAPITRE VI</u> : DISPOSITIONS FINALES
<u>Ingingo ya 22</u> : Ingingo y'ururimi	<u>Article 22</u> : Language provision	<u>Article 22</u> : Disposition linguistique
<u>Ingingo ya 23</u> : Gutangira gukurikizwa	<u>Article 23</u> : Entry into force	<u>Article 23</u> : Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 021/2023 RYO KU WA 31/03/2023 RIGENGA IHANAHANA RY'AMAKURU MU BURYO BWIKORESHA KU MPAMVU Z'IMISORO	LAW N° 021/2023 OF 31/03/2023 GOVERNING THE AUTOMATIC EXCHANGE OF INFORMATION FOR TAX PURPOSES	LOI N° 021/2023 DU 31/03/2023 RÉGISSANT L'ÉCHANGE AUTOMATIQUE DE RENSEIGNEMENTS À DES FINS FISCALES
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	We, KAGAME Paul, President of the Republic;	Nous, KAGAME Paul, Président de la République ;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA Y'U RWANDA	THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA	LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	THE PARLIAMENT:	LE PARLEMENT :
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 31 Werurwe 2023;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 31 March 2023;	La Chambre des Députés, en sa séance du 31 mars 2023 ;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 93, iya 106, iya 120, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 93, 106, 120, 122 et 176
YEMEJE:	ADOPTS:	ADOPTÉ :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije Iri tegeko rigenga ihanahana ry'amakuru mu buryo bwikoresha kuri konti y'imari ku mpamvu z'imisoro hagamijwe gushyira mu bikorwa Ihame Rusange ry'Imitangire y'amakuru. Ritanga kandi inshingano ku bigo by'imari zo gukorana ubushishozi bwihariye bugamije kumenya zimwe muri konti z'imari, kubika inyandiko zijyanye na zo no gushyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro amakuru yerekeye izo konti. <u>Ingingo ya 2: Isobanura</u> Muri iri tegeko: (a) “Ihame Rusange ry'Imitangire y'amakuru” bivuga ihame rigenderwaho mu gutanga amakuru no kugenzura amakuru mu bushishozi, hagamijwe ihanahana ry'amakuru mu buryo bwikoresha kuri konti z'imari, harimo ibisobanuro bijyanye n'izo konti,	<u>Article One:</u> Purpose of this Law This Law governs the automatic exchange of financial account information for tax purposes with a view to implementing the Common Reporting Standard. It also empowers financial institutions with the obligation to conduct specific due diligence in order to identify certain financial accounts, keep related documents and communicate information concerning these accounts to the Tax Administration. <u>Article 2:</u> Interpretation In this Law: (a) “Common Reporting Standard” means the reporting and due diligence standard for the automatic exchange of financial account information, including the commentary thereon, approved by the Council of the Organisation for Economic Cooperation and	<u>Article premier :</u> Objet de la présente loi La présente loi régit l'échange automatique de renseignements relatifs aux comptes financiers à des fins fiscales pour la mise en œuvre de la Norme commune de déclaration. Elle impose également aux institutions financières l'obligation de faire preuve d'un degré donné de diligence raisonnable pour identifier certains comptes financiers, de conserver les documents connexes et de communiquer à l'Administration fiscale des renseignements concernant ces comptes. <u>Article 2 :</u> Interprétation Dans la présente loi : (a) « Norme commune de déclaration » signifie la norme de déclaration et de diligence raisonnable pour l'échange automatique de renseignements relatifs aux comptes financiers, y compris les commentaires y afférents, approuvée par le Conseil

ryemejwe n’Inama y’Umuryango w’Ubufatanye mu by’Ubukungu n’Iterambere, ku wa 15 Nyakanga 2014, nk’uko rigenda rihindurwa; (b) “Komiseri Mukuru” bivuga umuyobozi w’ubuyobozi bw’imisoro; (c) “ikigo cy’imari” gikubiyemo ikigo kibitswa umutungo, ikigo cyakira umutungo, ikigo cy’ishoramari cyangwa isosiyete y’ubwishingizi ; (d) “raporo ku makuru yasabwe” bivuga raporo ikubiyemo amakuru nk’uko bigaragara mu Ihame Rusange ry’Imitangire y’amakuru hamwe n’andi makuru yose yerekeye ishyirwa mu bikorwa ry’Ihame Rusange ry’Imitangire y’amakuru, ikigo cy’imari gitanga amakuru gisabwa gushyikiriza Ubuyobozi bw’Imisoro; (e) “Minisitiri” bivuga Minisitiri ufite imisoro mu nshingano;	Development on 15 July 2014, as amended from time to time; (b) “Commissioner General” means the head of the Tax Administration; (c) “financial institution” includes a custodial institution, a depository institution, an investment entity or an insurance company; (d) “information return” means a report setting out certain information as specified in the Common Reporting Standard and any further information relating to the implementation of the Common Reporting Standard, that the reporting financial institution is required to file with the Tax Administration; (e) “Minister” means the Minister in charge of taxes;	de l’Organisation de coopération et de développement économiques, le 15 juillet 2014, telle que modifiée de temps à autre ; (b) « Commissaire général » signifie le responsable de l’Administration fiscale ; (c) « institution financière » comprend un établissement de garde de valeurs, un établissement de dépôt, une entité d’investissement ou une société d’assurance; (d) « déclaration de renseignements » signifie un rapport faisant état de certains renseignements tels que spécifiés dans la Norme commune de déclaration et toute autre information concernant la mise en œuvre de la Norme commune de déclaration qu’une institution financière déclarante est tenue de déposer auprès de l’Administration fiscale ; (e) « Ministre » signifie le Ministre ayant les impôts dans ses attributions ;
--	---	---

(f) “umuntu” akubiyemo umuntu ku giti cye, ikigo gifite ubuzimagatozi cyangwa ubwumvikane;	(f) “person” includes a natural person, a legal person or legal arrangement;	(f) « personne » comprend une personne physique, une personne morale ou une construction juridique ;
(g) “konti itangwaho amakuru” bivuga konti y’imari ifitwe n’umuntu umwe cyangwa benshi batangwaho amakuru cyangwa ikigo kitari icy’imari gifite imari y’umuntu umwe cyangwa benshi bafite ububasha bugenzura, kandi ari abantu batangwaho amakuru, igomba kuba yaragaragajwe gutyo, hashingiwe ku buryo bwo kugenzura amakuru mu bushishozi bugenwa n’Ihame Rusange ry’Imitangire y’amakuru;	(g) “reportable account” means a financial account held by one or more reportable persons or by a passive non-financial entity with one or more controlling persons that is a reportable person, provided it has been identified as such pursuant to the due diligence procedures described in the Common Reporting Standard;	(g) « compte déclarable » signifie un compte financier tenu par une ou plusieurs personnes devant faire l’objet d’une déclaration ou par une entité non financière passive dont une ou plusieurs personnes détenant le pouvoir de contrôle sont des personnes devant faire l’objet d’une déclaration, à condition qu’il ait été identifié comme tel conformément aux procédures de diligence raisonnable décrites dans la Norme commune de déclaration ;
(h) “ikigo cy’imari gitanga amakuru” bivuga ikigo icyo ari cyo cyose cy’imari cyo mu Rwanda, usibye ikigo cy’imari kidatanga amakuru hashingiwe ku Ihame Rusange ry’Imitangire y’amakuru kandi kigaragara ku rutonde rwatangajwe na Komiseri Mukuru mu birebana n’umwaka w’itangwa ry’amakuru;	(h) “reporting financial institution” means any Rwanda-based financial institution other than a non-reporting financial institution, that is excluded from the reporting based on the Common Reporting Standard and that is identified in a list published by the Commissioner General for purposes of a reporting year;	(h) « institution financière déclarante » signifie toute institution financière basée au Rwanda, autre qu’une institution financière non déclarante exclue de la déclaration sur la base de la Norme commune de déclaration et qui figure sur une liste publiée par le Commissaire général aux fins d’une année de déclaration ;
(i) “Ubuyobozi bw’Imisoro” bivuga Ikigo cy’Imisoro n’Amahoro.	(i) “Tax Administration” means the Rwanda Revenue Authority.	(i) « Administration fiscale » signifie l’Office rwandais des Recettes.

<u>Ingingo ya 3: Umuyobozi ufite ububasha bwo gushyira mu bikorwa Ihame Rusange ry'imitangire y'amakuru</u> Komiseri Mukuru cyangwa Umukozi wo mu buyobozi bw'imisoro Komiseri Mukuru yabihereye ububasha mu nyandiko ni bo bayobozi bafite ububasha bwo gushyira mu bikorwa Ihame Rusange ry'imitangire y'amakuru. <u>UMUTWE WA II: INSHINGANO Z'IBIGO BY'IMARI BITANGA AMAKURU</u> <u>Ingingo ya 4: Kumenya konti zitangwaho amakuru no gutanga raporo ku makuru yasabwe</u> (1) Buri kigo cy'imari gitanga amakuru – (a) kigomba kumenya konti zitangwaho amakuru no gushyikiriza Komiseri Mukuru raporo ku makuru yasabwe kuri konti zitangwaho amakuru ziri muri icyo kigo cy'imari mu gihe cy'umwaka usanzwe; (b) gishyikiriza Komiseri Mukuru,	<u>Article 3: Competent authority for implementing the Common Reporting Standard</u> The Commissioner General or an officer in the Tax Administration having been mandated in writing to that effect by the Commissioner General is the competent authority for the implementation of the Common Reporting Standard. <u>CHAPTER II: OBLIGATIONS OF REPORTING FINANCIAL INSTITUTIONS</u> <u>Article 4: Identification of reportable accounts and disposition of an information return</u> (1) Each reporting financial institution– (a) identifies reportable accounts and submit to the Commissioner General an information return in respect of reportable accounts maintained by that financial institution in a calendar year; (b) submits the report referred to in	<u>Article 3 : Autorité compétente chargée de la mise en œuvre de la Norme commune de déclaration</u> Le Commissaire général ou un fonctionnaire dans l'Administration fiscale mandaté par écrit à cet effet par le Commissaire général est l'autorité compétente chargée de la mise en œuvre de la Norme commune de déclaration. <u>CHAPITRE II : OBLIGATIONS DES INSTITUTIONS FINANCIÈRES DÉCLARANTES</u> <u>Article 4 : Identification de comptes déclarables et disposition d'une déclaration de renseignements</u> (1) Chaque institution financière déclarante – (a) identifie les comptes déclarables et soumet au Commissaire général une déclaration de renseignements relativement aux comptes déclarables tenus par cette institution financière au cours d'une année civile ; (b) transmet au Commissaire
---	---	---

raporo ivugwa mu gaka ka (a) , hakoreshejwe uburyo n'imiterere y'inyandiko bigenwa n'Ubuyobozi bw'Imisoro. Raporo igomba gushyikirizwa Komiseri Mukuru bitarenze itariki ya 30 Mata ikurikira impera z'umwaka usanzwe urebwa n'amakuru. (2) Iyo ikigo cy'imari gitanga amakuru kitashoboye kubona konti itangwaho amakuru mu gihe cy'umwaka usanzwe, gitanga raporo y'umwaka yerekana ko kitigeze kibika konti itangwaho amakuru muri uwo mwaka. (3) Iteka rya Minisitiri rigena amakuru ikigo cy'imari gitanga amakuru gitanga kuri buri konti itangwaho amakuru ibitswe n'icyo kigo cy'imari. <u>Ingingo ya 5: Uburyo bwo kugenzura amakuru mu bushishozi</u> (1) Buri kigo cy'imari gitanga amakuru – (a) gishyiraho, kibungabunga	sub-paragraph (a) to the Commissioner General, using the procedures and a form determined by the Tax Administration. The report must be submitted to the Commissioner General no later than April 30th following the end of the calendar year to which the information relates. (2) Where a reporting financial institution does not identify a reportable account for a calendar year, it files an annual report indicating that it did not maintain a reportable account for that year. (3) An Order of the Minister determines the information to be provided by a reporting financial institution with respect to each reportable account maintained by such an institution. <u>Article 5: Due diligence procedures</u> (1) Each reporting financial institution– (a) establishes, maintains and	général la déclaration visée au sous-alinéa (a), selon les procédures et au moyen d'un formulaire qui sont déterminés par l'Administration fiscale. Ce rapport doit être soumis au Commissaire général au plus tard le 30 avril suivant la fin de l'année civile à laquelle ces renseignements se rapportent. (2) Lorsqu'une institution financière déclarante n'identifie pas de compte déclarable pour une année civile, elle dépose un rapport annuel indiquant qu'elle n'a pas tenu de compte déclarable pour l'année concernée. (3) Un arrêté du Ministre détermine les renseignements fournis par une institution financière déclarante en rapport avec chaque compte déclarable tenu par elle. <u>Article 5 : Procédures de diligence raisonnable</u> (1) Chaque institution financière déclarante – (a) établit, tient à jour et
--	--	---

kandi kikabika inyandiko zijyanye n'uburyo bwo kugenzura amakuru mu bushishozi bwashyizweho kugira ngo bugaragaze konti zitangwaho amakuru gifite. (b) gikurikiza uburyo bwo kugenzura amakuru mu bushishozi hashingiwe ku Ihame Rusange ry'Imitangire y'Amakuru mu rwego rwo kugaragaza nyiri konti itangwaho amakuru iri muri icyo kigo cy'imari gitanga amakuru. <u>Ingingo ya 6: Kubika amakuru</u> (1) Buri kigo cy'imari gitanga amakuru – (a) kibika amakuru y'ingamba zose zafashwe ndetse n'ibimenyetso byashyingiweho hagamijwe kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko, harimo n'amakuru yakiriwe cyangwa yavuye mu byakozwe; kandi (b) kibika amakuru yose mu	documents the due diligence procedures designed to identify reportable accounts it maintains; (b) applies the due diligence procedures based on the Common Reporting Standard in order to identify the account holder of any reportable account maintained by such an institution. <u>Article 6: Records keeping</u> (1) Each reporting financial institution– (a) keeps records of all steps undertaken and any evidence relied upon for the purpose of complying with the provisions of this Law, including records obtained or created; and (b) retains all records for a period	documente les procédures de diligence raisonnable conçues pour identifier les comptes déclarables tenus par elle ; (b) applique les procédures de diligence raisonnable sur la base de la Norme commune de déclaration pour identifier le titulaire de tout compte déclarable tenu par elle. <u>Article 6 : Tenue de registres</u> (1) Chaque institution financière déclarante – (a) consigne toutes les mesures prises et tous les éléments de preuve invoqués aux fins de se conformer aux dispositions de la présente loi, y compris les informations obtenues ou créées ; et (b) conserve toutes les
--	--	--

gihe cy'imyaka icumi (10) ibarwa uherye ku wa 30 Mata y'umwaka ukurikira umwaka usanzwe urebana n'ayo makuru. (2) Ikigo cy'imari gitanga amakuru cyakiriye cyangwa kibonye amakuru akomotse ku byo gikora nk'uko bisabwa mu gika cya (1)(a) cy'iyi ngingo mu rurimi rutari mu ndimi zemewe mu butegetsi muri Repubulika y'u Rwanda, gishyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro amakuru kimaze kuyahindura mu rurimi rwemewe mu butegetsi, bisabwe n'Ubuyobozi bw'imisoro.	of ten (10) years from the 30th April of the year following the calendar year to which the records relate. (2) A reporting financial institution that obtains or creates records as required in Paragraph (1)(a) of this Article in a language other than one of the official languages of the Republic of Rwanda provides an official language translation on request by the Tax Administration.	informations pendant une période de dix (10) ans à partir du 30 avril de l'année suivant l'année civile à laquelle ces informations se rapportent. (2) Une institution financière déclarante qui obtient ou crée des informations conformément à l'alinéa (1)(a) du présent article dans une langue autre que l'une des langues officielles de la République du Rwanda fournit une traduction dans la langue officielle sur demande de l'Administration fiscale.
<u>Ingingo ya 7: Kwitabaza undi muntu utanga serivisi</u> (1) Ikigo cy'imari gitanga amakuru gishobora guha akazi undi muntu utanga serivisi kugira ngo akore zimwe mu nshingano gihabwa n'iri tegeko. (2) Iyo undi muntu utanga serivisi ahawe akazi hakurikijwe ibiteganywa n'igika cya (1) cy'iyi ngingo, Ikigo cy'imari gitanga amakuru –	<u>Article 7: Use of third-party service provider</u> (1) A reporting financial institution may engage a third-party service provider to carry out any of its obligations under this Law. (2) If a third-party service provider is engaged in accordance with provisions of Paragraph (1) of this Article, the reporting financial institution –	<u>Article 7 : Recours à un prestataire de services tiers</u> (1) Une institution financière déclarante peut engager un prestataire de services tiers pour exécuter l'une de ses obligations en vertu de la présente loi. (2) Si un prestataire de services tiers est engagé conformément aux dispositions de l'alinéa (1) du présent article, l'institution financière déclarante –

(a) buri gihe kigira uburyo bwo kugera ku makuru n'ibimenyetso bishingirwaho amakuru byifashishwa mu kugaragaza neza no gukora raporo yerekeye Konti zitangwaho amakuru, kikanashyikiriza Ubuyobozi bw'imisoro ayo amakuru n'ibimenyetso bishingirwaho amakuru, iyo bubisabye; kandi (b) kiryoza amakosa y'undi muntu utanga serivisi wananiwe gutunganya inshingano ziteganywa n'iri tegeko.	(a) has, at all times, access to the records and documentary evidence used to identify and report on reportable accounts, and when requested provides such records and documentary evidence to the Tax Administration; and (b) is liable for the third-party service provider's failure to carry out its obligations as required by this Law.	(a) dispose, à tout moment, d'un accès aux informations et preuves documentaires utilisées pour identifier et déclarer les comptes déclarables et, sur demande, fournit ces informations et preuves documentaires à l'Administration fiscale ; et (b) est tenu pour responsable du défaut, par le prestataire de services tiers, d'exécuter ses obligations qui lui incombent en vertu de la présente loi.
UMUTWE WA III: UBUBASHA N'INSHINGANO BY'UBUYOBOZI BW'IMISORO	CHAPTER III: POWERS AND RESPONSIBILITIES OF THE TAX ADMINISTRATION	CHAPITRE III : POUVOIRS ET ATTRIBUTIONS DE L'ADMINISTRATION FISCALE
<u>Ingingo ya 8:</u> Ububasha bwo kugenzura no gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	<u>Article 8:</u> Inspection and administrative sanctioning powers	<u>Article 8 :</u> Pouvoirs d'inspection et d'imposition de sanctions administratives
(1) Ubuyobozi bw'Imisoro bushobora gusaba amakuru Ikigo cy'imari gitanga amakuru. Bushobora kandi, mu gihe cyose gikwiye, kwinjira mu nyubako yacyo cyangwa aho gikorera hagamijwe –	(1) The Tax Administration may request information from a reporting financial institution. Also, it may at all reasonable times enter its premises or place of business for the purposes of –	(1) L'Administration fiscale peut demander à une institution financière déclarante de lui fournir des renseignements. Elle peut également, à tout moment raisonnable, pénétrer dans ses

(a) kumenya niba amakuru yashyizwe n'Ikigo cy'imari gitanga amakuru muri raporo ku makuru yasabwe ari ukuri kandi yuzuye, cyangwa niba amakuru atarashyizwe muri raporo ku makuru yasabwe atari akwiye gushyirwamo; no (b) gusuzuma uburyo ikigo cy'imari gitanga amakuru cyashyizeho bwo kubahiriza inshingano gihabwa n'iri tegeko. (2) Ubuyobozi bw'Imisoro bushobora– (a) gusaba mu nyandiko ko ikigo cy'imari gitanga amakuru kibuha, mu gihe kigaragazwa muri iyo nyandiko, amakuru, ibisobanuro n'inyandiko, harimo kopi z'ibitabo, amakuru cyangwa izindi nyandiko by'ingenzi bishobora gukenerwa ku mpamvu	(a) determining whether information included in an information return made by a reporting financial institution is correct and complete, or information not included in an information return was not to be included; and (b) examining the procedures put in place by a reporting financial institution to comply with its obligations under this Law. (2) The Tax Administration may – (a) by written notice, request a reporting financial institution to provide, within a time period specified in the notification, the information, explanations and particulars, including copies of all books, records or other relevant documents as may be necessary for purposes related	locaux ou dans son lieu d'activité aux fins de – (a) déterminer si les renseignements fournis dans une déclaration de renseignements faite par une institution financière déclarante sont corrects et complets ou si les renseignements non fournis dans une déclaration de renseignements ne devaient pas y être inclus; et (b) examiner les procédures mises en place par une institution financière déclarante pour se conformer aux obligations qui lui incombent en vertu de la présente loi. (2) L'Administration fiscale peut – (a) par avis écrit, demander à une institution financière déclarante de lui fournir, dans un délai spécifié dans l'avis, des renseignements, des explications et des précisions, y compris des copies de tous les livres, informations ou autres documents pertinents, pouvant
---	--	--

z'ubuyobozi cyangwa z'ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko; (b) gukora inyandiko igaragaza ibice by'ingenzi cyangwa kopi z'ibitabo byose cyangwa ibice byabyo, iby'amakuru cyangwa iby'izindi nyandiko zose bwahabwa, bushobora kandi gusaba izo kopi cyangwa inyandiko zigaragaza ibice by'ingenzi by'inyandiko hagamijwe kubyifashisha mu byerekeranye n'ubuyobozi cyangwa ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko. (3) Ubuyobozi bw'imisoro bufite ububasha bwo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku makosa ateganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 9: Imikoranire n'Ubuyobozi bw'imisoro bwo mu bindi bihugu ijyanye n'ihanahana ry'amakuru mu buryo bwikoresha</u> Ubuyobozi bw'Imisoro bushobora kugirana imikoranire n'Ubuyobozi bw'Imisoro bwo mu bindi bihugu cyangwa ubw'uduce tw'ibihugu mu bijyanye no guhanahana amakuru mu buryo bwikoresha.	to the administration or enforcement of this Law; (b) produce extracts or make copies of all or part of the books, registers or other documents or any other material made available, or require that copies of the books, registers or other documents be made available for any purpose related to the administration or enforcement of this Law. (3) The Tax Administration is vested with powers to impose administrative sanctions for the faults provided for under this Law. <u>Article 9: Cooperation with Tax Administrations in other countries with respect to automatic exchange of information</u> The Tax Administration may engage in cooperation arrangement with Tax Administrations of other countries or jurisdictions with regard to automatic exchange of information.	être nécessaires à des fins liées à l'administration ou à l'application de la présente loi ; (b) produire des extraits ou faire des copies de tout ou partie des livres, registres ou autres documents ou toutes autres pièces mis à sa disposition ou exiger que des copies des livres, registres ou autres documents soient mis à sa disposition pour toute fin liée à l'administration ou à l'application de la présente loi. (3) L'Administration fiscale est investie des pouvoirs d'imposition des sanctions administratives pour les fautes prévues par la présente loi. <u>Article 9 : Coopération avec les administrations fiscales d'autres pays en matière d'échange automatique de renseignements</u> L'Administration fiscale peut s'engager dans une coopération avec les Administrations fiscales d'autres pays ou territoires en matière d'échange automatique de renseignements.
--	---	---

<u>Ingingo ya 10: Inshingano z'Ubuyobozi bw'Imisoro</u> Ubuyobozi bw'Imisoro bufite inshingano zikurikira: (a) gukurikiza no kubahiriza ibiteganywa n'iri tegeko; (b) guhanahana amakuru y'imisoro mu buryo bwikoresha n'inzego bireba.	<u>Article 10: Responsibilities of the Tax Administration</u> The Tax Administration has the following responsibilities: (a) to administer and enforce compliance with this Law; (b) to carry out automatic exchange of tax information with relevant authorities.	<u>Article 10 : Attributions de l'Administration fiscale</u> L'Administration fiscale a les attributions suivantes : (a) administrer et faire appliquer la présente loi ; (b) effectuer l'échange automatique de renseignements fiscaux avec les autorités concernées.
<u>UMUTWE WA IV: AMAKOSA, IBYAHA N'IBIHANO</u> <u>Ingingo ya 11: Gutanga amakuru atari ukuri, amakuru atuzuye no kudatanga amakuru asabwa</u> Umuntu – (a) utanga amakuru atari ukuri, amakuru atuzuye cyangwa udatanga amakuru asabwa gushyirwa muri raporo ku makuru yasabwe; (b) utanga amakuru atari ukuri, amakuru atuzuye cyangwa	<u>CHAPTER IV: FAULTS, OFFENCES AND PENALTIES</u> <u>Article 11: Provision of false information, incomplete information and failure to provide required information</u> A person who – (a) provides false information, incomplete information or fails to provide information required to be included in an information return; (b) provides false information, incomplete information or fails to	<u>CHAPITRE IV : FAUTES, INFRACTIONS ET PEINES</u> <u>Article 11 : Communication de faux renseignements, de renseignements incomplets et défaut de fournir des renseignements requis</u> Une personne qui – (a) fournit de faux renseignements, des renseignements incomplets ou omet de fournir des renseignements requis pour être inclus dans la déclaration de renseignements ; (b) fournit de faux renseignements, des renseignements incomplets ou

udatanga amakuru akubiye mu makuru bwite atangwa hagamijwe kubahiriza ibikurikizwa mu buryo bwo kugenzura amakuru mu bushishozi; (c) utubahiriza ibisabwa n'Ubuyobozi bw'imisoro mu bubasha cyangwa mu nshingano buhabwa n'iri tegeko; (d) udatanga raporo y'amakuru yasabwe hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko; cyangwa (e) utubahiriza indi nshingano yose iteganywa n'ingingo ya 4, iya 5, iya 6 n'ya 7 z'iri tegeko; aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari muni ya miliyoni imwe y'amafaranga y'u Rwanda (1.000.000 FRW) ariko itari hejuru ya miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (2.000.000 FRW). <u>Ingingo ya 12: Gusonerwa ibihano</u> (1) Mbere yo gutanga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi Ubuyobozi bw'imisoro bubanza kumva	provide information contained in the self-certification provided for the purposes of due diligence procedures; (c) fails to comply with the requirements of the Tax Administration within its powers or responsibilities conferred by this Law; (d) fails to submit an information return provided in accordance with the provisions of this law; or (e) fails to comply with any other obligation provided for under Articles 4, 5, 6 and 7 of this Law; commits a fault, and is liable to an administrative fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000). <u>Article 12: Exemption from sanctions</u> (1) Prior to the enforcement of administrative sanctions, the Tax Administration hears the person	omet de fournir les renseignements dans une auto-certification fournis aux fins des procédures de diligence raisonnable; (c) omet de se conformer aux exigences imposées par l'Administration fiscale en vertu de ses pouvoirs ou attributions lui conférés par la présente loi ; (d) omet de soumettre une déclaration de renseignements requise conformément aux dispositions de la présente loi ; ou (e) omet de se conformer à toute autre obligation prévue aux articles 4, 5, 6 et 7 de la présente loi ; commet une faute, et est passible d'une amende administrative d'au moins un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) mais n'excédant pas deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW). <u>Article 12 : Exemption de sanctions</u> (1) Avant de prendre des sanctions administratives, l'Administration fiscale accorde l'opportunité
---	--	--

ibisobanuro by'ucyekwaho amakosa avugwa mu ngingo ya 11 y'iri tegeko.	suspected of committing the faults referred to in article 11 of this Law.	d'être entendue par elle la personne soupçonnée des fautes visées à l'article 11 de la présente loi.
(2) Iyo Ubuyobozi bw'Imisoro bunyuzwe n'ibisobanuro ucyekwaho amakosa yatanze asonerwa ibihano bijyanye na yo.	(2) When the Tax Administration is satisfied with the explanations provided by the person suspected of the faults, such a person is exempted from related sanctions.	(2) Lorsque l'Administration fiscale est satisfaite des explications fournies par la personne soupçonnée des fautes, cette dernière est exemptée des sanctions connexes.
(3) Icyakora, ibivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo ntibikurikizwa iyo hatanzwe imwe mu mpamvu zikurikira: (a) kutagira amafaranga ahagije yo gukora ibisabwa, cyangwa (b) gushingira ku wundi muntu ngo hagire igikorwa.	(3) However, for purposes of Paragraph (2) of this Article, none of the following reasons constitutes a reasonable excuse: (a) insufficiency of funds to do something, or (b) reliance upon another person to do something.	(3) Toutefois, aux fins de l'alinéa (2) du présent article, aucune des raisons suivantes ne constitue une excuse valable : (a) l'insuffisance de fonds pour faire quelque chose, ou (b) la dépendance à l'égard d'autrui pour faire quelque chose.
(4) Iyo umuntu atanze impamvu yumvikana y'icyatumye akora icyo abujijwe gukora cyangwa adakora icyo ategetswe gukora, ariko iyo mpamvu ikaba yakuweho, uwo muntu asonerwa igihano mu gihe icyakozwe cyangwa ikitarakozwe gikemuwe mu gihe kitarenze iminsi ibiri y'akazi nyuma y'uko impamvu ikuweho.	(4) If a person gives a reasonable excuse for commission or omission but the excuse is removed, that person is exempted from a sanction if the commission or omission is resolved within two working days after the reason is removed.	(4) Si une personne avance une excuse valable pour une action ou une omission mais que l'excuse a cessé, cette personne est exemptée d'une sanction si l'action ou l'omission est résolue dans les deux jours ouvrables suivant la cessation de l'excuse.

<u>Ingingo ya 13: Igihe ntarengwa cy'isuzuma ry'ibihano n'imenyekanisha</u> (1) Iyo umuntu agomba guhabwa igihano giteganywa n'ingingo ya 11 y'iri tegeko, Ubuyobozi bw'Imisoro busuzuma igihano agomba guhabwa ibivuye mu isuzuma bikamenyeshwa uwo muntu. (2) Isuzuma ry'igihano rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo rikorwa mu gihe kitarenze amezi cumi n'abiri (12) uhareye ku itariki – (a) uwo muntu bireba yahamirijweho ikosa, cyangwa (b) Ubuyobozi bw'Imisoro bwamenyeyeho ikosa ryakozwe.	<u>Article 13: Deadline for assessment and notification of sanctions</u> (1) If a person becomes liable to a sanction provided for under Article 11 of this Law, the Tax Administration assesses the sanction and notifies the person of the results of the assessment. (2) The assessment of sanction referred to in Paragraph (1) of this Article is carried out within a period not exceeding twelve (12) months starting with the date on which – (a) the person involved became liable to the sanction, or (b) the fault came to the attention of the Tax Administration.	<u>Article 13 : Délai d'évaluation et de notification de sanctions</u> (1) Si une personne devient passible d'une sanction prévue à l'article 11 de la présente loi, l'Administration fiscale évalue la sanction et en notifie les résultats à cette personne. (2) L'évaluation de la sanction visée à l'alinéa (1) du présent article se fait dans un délai ne dépassant pas douze (12) mois à compter de la date à laquelle – (a) la personne concernée est devenue passible de cette sanction, ou (b) la faute a été portée à la connaissance de l'Administration fiscale.
<u>Ingingo ya 14: Uburenganzira bwo kujurira</u> Umuntu ashobora kujuririra igihano yahawe hashingiwe ku mpamvu zikurikira: (a) iyo igihano cyatanzwe kidahuye	<u>Article 14: Right to appeal</u> A person may, relying on the following grounds, appeal against a sanction imposed on him or her: (a) if the sanction imposed is not	<u>Article 14 : Droit de recours</u> Une personne peut, pour les motifs suivants, former un recours contre une sanction qui lui est imposée : (a) si la sanction imposée n'est pas

n'ibiteganywa n'ingingo ya 11 y'iri tegeko; cyangwa (b) ingano y'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi yaciwe. <u>Ingingo ya 15: Uburyo bwo kujurira</u> (1) Ubujurire bugezwa kuri Komiseri Mukuru mu nyandiko, mu gihe cy'iminsi mironko itatu (30) uhereye ku itariki ujurira yahereweho imenyeshya rivugwa mu ngingo ya 13 y'iri tegeko. (2) Ku bujurire bwakozwe ku isuzuma ry'igihano ku mpamvu zivugwa mu ngingo ya 14(a) y'iri tegeko, Komiseri Mukuru ashobora kwemeza cyangwa guhagarika isuzuma. (3) Ku bujurire ku isuzuma ry'igihano ku mpamvu zivugwa mu ngingo ya 14(b) y'iri tegeko, Komiseri Mukuru ashobora kwemeza isuzuma cyangwa akarisimbuza irindi hakurikijwe ububasha bwe. (4) Ku bidateganyijwe muri iyi ngingo, ubujurire bukurikiza ibiteganywa	consistent with the provisions of Article 11 of this law; or (b) the amount of administrative fine imposed. <u>Article 15: Appeal procedure</u> (1) The appeal is filed with the Commissioner General in writing within thirty (30) days of the date of the notification referred to in Article 13 of this Law. (2) On the appeal filed against the assessment of the sanction relying on the grounds referred to in Article 14 (a) of this Law, the Commissioner General may confirm or cancel the assessment. (3) On the appeal filed against the assessment of the sanction relying on the grounds referred to in Article 14(b) of this Law, the Commissioner General may confirm the assessment or replace it with another one according to his or her authority. (4) For cases not provided under this Article, the appeal is filed in	conforme aux dispositions de l'article 11 de la présente loi; ou (b) le montant d'une amende administrative imposée. <u>Article 15 : Procédure de recours</u> (1) Le recours est formé auprès du Commissaire général par écrit, dans les trente (30) jours suivant la date de la notification visée à l'article 13 de la présente loi. (2) En cas de recours contre l'évaluation de la sanction pour les motifs visés à l'article 14(a) de la présente loi, le Commissaire général peut confirmer ou annuler l'évaluation. (3) En cas de recours contre l'évaluation de la sanction pour les motifs visés à l'article 14(b) de la présente loi, le Commissaire général peut confirmer l'évaluation ou la remplacer par une autre évaluation en vertu de sa compétence. (4) Pour les cas non prévus par le présent article, le recours est formé
---	---	---

n'amategeko akena uburyo bw'isoresha.	accordance with the legal provisions governing tax procedures.	conformément aux dispositions légales régissant les procédures fiscales.
<u>Ingingo ya 16:</u> Igihe ntarengwa cyo kurangiza igihano cyatanze	<u>Article 16:</u> Deadlines for enforcement of sanction imposed	<u>Article 16 :</u> Délai d'application d'une sanction imposée
(1) Umuntu wahawe igihano hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 11 y'iri tegeko yishyura amafaranga agomba Ubuyobozi bw'Imisoro mu minsi mirongo itatu (30) nyuma –	(1) The person liable to a sanction provided for under Article 11 of this Law pays the amount due to the Tax Administration within thirty (30) days after –	(1) La personne passible d'une sanction prévue à l'article 11 de la présente loi paie le montant dû à l'Administration fiscale dans les trente (30) jours suivant –
(a) y'itariki imenyeshya ryerekeranye n'icyo gihano rivugwa mu ingingo ya 13 y'iri tegeko ryatangirwe; cyangwa	(a) the date on which the notification relating to the sanction referred to in Article 13 of this Law is issued, or	(a) la date à laquelle la notification relative à la sanction visée à l'article 13 de la présente loi est émise, ou
(b) y'itariki ubujurire ku isuzuma ry'igihano bwatanze hakurikijwe ibiteganywa n'ingingo ya 13 y'iri tegeko bwafatiweho umwanzuro wa nyuma.	(b) the date on which a final decision was made on the appeal against the assessment of the sanction filed in accordance with the provisions of Article 13 of this Law.	(b) la date à laquelle une décision finale a été rendue sur le recours contre l'évaluation de la sanction formé conformément aux dispositions de l'article 13 de la présente loi.
(2) Iyo amafaranga ajyanye n'igihano atishyurwe ku itariki ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ingingo, hatangira kubakwa inyungu ya 1.5% buri kwezi, nta gukomatanywa, kuva ku munsu ukurikira ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi	(2) If the amount related to the sanction is not paid on the date referred to in Paragraph (1) of this Article, an interest of 1.5% is calculated monthly without compounding, from the day following the payment of the administrative fine	(2) Si un montant au titre d'une sanction n'est pas payé à la date visée à l'alinéa (1) du présent article, un intérêt mensuel de 1.5% simple est calculé, et ce, à compter du premier jour qui suit la date à laquelle l'amende administrative

yagombaga kwishyurirwaho kugeza ku munsu w'ubwishyu na wo ubariwemo. Buri kwezi gutangiye gufatwa nk'ukwezi kuzuye. (3) Ubwiyongere bw'inyungu z'ubukererwe ntiburenga 100% by'ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi. <u>Ingingo ya 17:</u> Gutangaza amakuru mu buryo bunyuranyije n'amategeko Umuntu ku giti cye utangaza amakuru cyangwa agashyira hanze inyandiko yerekeranye n'amakuru yahawe n'ikigo cy'imari gitanga amakuru mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsu y'umwaka 1 ariko kitarenze imyaka 2 cyangwa ihazabu itari munsu ya miliyoni ebyiri z'amafaranga y'u Rwanda (FRW 2.000.000) ariko atarenze miliyoni eshatu z'amafaranga y'u Rwanda (FRW 3.000.000). <u>UMUTWE WA V:</u> INGINGO ZINYURANYE	until the day of payment inclusive. Each new month is considered as a complete month. (3) Late payment interest does not exceed 100% of the amount of the administrative fine. <u>Article 17:</u> Unlawful disclosure of information A person who discloses or divulges any information or produces any document relating to the information received from a reporting financial institution in contravention of the provisions of this Law, commits an offence. Upon conviction, he or she is liable to an imprisonment for a term not less than 1 year and not more than 2 years or a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than three million Rwandan francs (FRW 3,000,000). <u>CHAPTER V:</u> MISCELLANEOUS PROVISIONS	aurait dû être payée jusqu'au jour du paiement y compris. Chaque mois commencé est considéré comme un mois complet. (3) Les intérêts de retard ne dépassent pas 100 % du montant de l'amende administrative. <u>Article 17 :</u> Communication illicite de renseignements Une personne qui communique ou divulgue tout renseignement ou produit tout document relatif aux renseignements reçus d'une institution financière déclarante en violation des dispositions de la présente loi, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins 1 an mais n'excédant pas 2 ans ou d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW). <u>CHAPITRE V :</u> DISPOSITIONS DIVERSES
--	--	---

<u>Ingingo ya 18: Kugira ibanga</u>	<u>Article 18: Confidentiality</u>	<u>Article 18 : Confidentialité</u>
(1) Itegeko ryose ririho ryerekeye kugira ibanga ntirikoreshwa ku bijyanye no gutanga amakuru bikoze n'ibigo by'imari bitanga amakuru biyashyikiriza Ubuyobozi bw'Imisoro kandi agomba kunyuzwa muri raporo ku makuru yasabwe itangwa mu buryo buteganywa n'iri tegeko. (2) Ubuyobozi bw'imisoro bufata amakuru bwahawe n'ikigo cy'imari gitanga amakuru nk'amakuru y'ibanga kandi bugakoresha gusa aya makuru ku mpamvu ziteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko agenga imisoro bireba. (3) Umuntu ufite inshingano z'akazi cyangwa umukozi uri mu buyobozi cyangwa ushinze iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa umuntu wari ufite inshingano z'akazi cyangwa wari umukozi mu buyobozi agomba gufata amakuru yahawe n'ikigo cy'imari gitanga amakuru hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko nk'amakuru y'ibanga kandi atanga aya makuru gusa iyo bibaye	(1) Any existing Law relating to confidentiality or secrecy does not apply to the disclosure of information by reporting financial institutions to the Tax Administration, that is required to be included in an information return filed in accordance with this Law. (2) The Tax Administration treats as confidential information received from a reporting financial institution and uses such information only for the purposes specified in this Law and any other relevant tax legislation. (3) A person having an official duty or being employed, in the administration or enforcement of the provisions of this Law, or person who formerly had a duty or employed in the administration, must treat as confidential information received from a reporting financial institution in accordance with the provisions of this Law and provides this information only when necessary	(1) Toute loi existante relative à la confidentialité ou au secret ne s'applique pas à la communication, à l'Administration fiscale par les institutions financières déclarantes, des renseignements requis pour être inclus dans une déclaration de renseignements déposée en vertu de la présente loi. (2) L'Administration fiscale traite comme confidentiels les renseignements reçus d'une institution financière déclarante et n'utilise ces renseignements qu'aux fins spécifiées dans la présente loi et dans toute autre législation fiscale en la matière. (3) Une personne exerçant une fonction officielle ou étant employée dans l'administration ou pour l'application des dispositions de la présente loi, ou une personne qui avait une fonction ou était employée dans l'administration, doit traiter comme confidentiels les renseignements reçus d'une institution financière déclarante en vertu des dispositions de la présente loi et ne fournit ces

ngombwa ku mpamvu z'imitegekere cyangwa z'iyubahirizwa ry'ibiteganywa n'iri tegeko. <u>Ingingo ya 19:</u> Ibikurikizwa mu kurwanya ukutubahiriza inshingano Iyo umuntu agiranye ubwumvikane n'abandi cyangwa akoze igikorwa afite intego y'ingenzi cyangwa imwe mu ntego ze z'ingenzi ishobora gufatwa nta gushidikanya nko guhunga inshingano iteganywa n'iri tegeko, iri tegeko rikurikizwa nk'aho nta bwumvikane cyangwa igikorwa byabayeho. <u>Ingingo ya 20:</u> Imirongo ngenderwaho mu ishyirwa mu bikorwa ry'Ihame Rusange ry'Imitangire y'amakuru Iteka rya Minisitiri rigena imirongo ngenderwaho irambuye mu gushyira mu bikorwa Ihame Rusange ry'Imitangire y'amakuru. <u>Ingingo ya 21:</u> Ihame rigenga ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko Ishyirwa mu bikorwa ry'iri tegeko rigendera ku Ihame Rusange ry'Imitangire y'amakuru.	for legal reasons or compliance with the provisions of this Law. <u>Article 19:</u> Anti-avoidance rules When a person enters into any arrangements or engages in any practice, the main purpose or one of the main purposes of which may reasonably be considered without a doubt as avoiding the obligation prescribed by this Law, this Law is applied as if no agreement or action took place. <u>Article 20:</u> Guidelines for the implementation of the Common Reporting Standard An Order of the Minister determines detailed guidelines for implementation of the Common Reporting Standard. <u>Article 21:</u> Enforcement principle of this Law The enforcement of this Law is based on the Common Reporting Standard.	renseignements uniquement lorsque c'est nécessaire aux fins des raisons légales ou du respect des dispositions de la présente loi. <u>Article 19 :</u> Règles anti-évasion Si une personne conclut un accord ou s'engage dans une pratique dont le but principal ou l'un des buts principaux peut raisonnablement être considéré comme étant d'éviter une obligation imposée en vertu de la présente loi, la présente loi doit avoir effet comme si la personne n'avait pas conclu l'accord ou exercé la pratique. <u>Article 20 :</u> Lignes directrices sur la mise en œuvre de la Norme commune de déclaration Un arrêté du Ministre détermine les lignes directrices détaillées sur la mise en œuvre de la Norme commune de déclaration. <u>Article 21 :</u> Principe d'application de la présente Loi L'application de la présente loi se base sur la Norme commune de déclaration.
--	---	--

<u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA</u>	<u>CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS</u>	<u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS FINALES</u>
<u>Ingingo ya 22: Ingingo y’ururimi</u> Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw’Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw’Ikinyarwanda.	<u>Article 22: Language provision</u> This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	<u>Article 22 : Disposition linguistique</u> La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
<u>Ingingo ya 23: Gutangira gukurikizwa</u> Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.	<u>Article 23: Entry into force</u> This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	<u>Article 23 : Entrée en vigueur</u> La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 31/03/2023

(sé)

KAGAME Paul

Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard

Minisitiri w’Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République :**

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w’Ubutabera akaba n’Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux